

**IJAMBO RYA PEREZIDA W'URUKIKO RW'IKIRENGA MU MUHANGO WO  
KURAHIZA ABACAMANZA N'ABANDITSI B'INKIKO**

**Kigali, ku wa 21 Gashyantare 2022**

Mu izina ry'Inama Nkuru y'Ubucamanza, nejejwe no kubakira ku mugaragaro mu Rwego rw'Ubucamanza. Indahiro mumaze gukora ikaba ari igihango mukoranye n'Urwego rw'Ubucamanza kigaragaza ko mwiyejeje gufatanya n'Urwego rw'Ubucamanza gutanga ubutabera buboneye no kuzuzura inshingano zanyu nk'uko amategeko abiteganya. Ni muri urwo rwego, nishimiye kwakira indahiro zanyu. By'umwihariko, ku batangiye imirimo zanyu bwa mbere mu Rwego rw'Ubucamanza, mbahaye ikaze mbashimira kuba mwarahisemo kuza mu Rwego rw'Ubucamanza

Mu mirimo yabo ya buri muni, Abacamanza n'Abanditsi bafite uruhare rutaziguye mu kubaka Igihugu kigendera ku mategeko kandi kiyubahiriza kuri bose. Bacamanza namwe Banditsi mumaze kurahira rero, mukaba muhamagarirwa gukurikiza itegeko no gufatanya mu kazi zanyu, mukorana ubunyamwuga, umurava n'ubudakemwa.

By'umwihariko, Bayobozi b'Inkiko mwarahiye, Urwego rw'Ubucamanza rubatezeho kuzatunganya akazi mu nkiko mwashyizwemo, mufata ingamba zikwiriye zo kwihutisha amaburanisha y'imanza zihutirwa n'izindi manza zifite umwihariko hagamijwe kugabanya ikibazo cy'ibirarane cyugarije inkiko muri rusange. Ariko kandi mutanibagiwe gukurikirana imyifatire y'abakozi muyobora.

Mu murimo w'Ubucamanza n'ubwanditsi mwakoraga mukaba mugiyeye kuyikora ku ntera y'isumbuye cyangwa kubayitangiye ubu, mugomba kwirinda

imikorere mibi cyane cyane ibikorwa binyuranye biganisha kuri ruswa n'ibyaha bifatanye isano na yo ndetse n'ibindi bikorwa byose byatuma abaturarwanda batera inkiko icyizere; Abacamanza cyane cyane, muzaharanire gufata ibyemezo byubahirije amategeko, ibyemezo bifashwe mu mucyo, nta kubogama cyangwa kuvugirwamo. Igihe cyose muzarangwe no kwimakaza ukuri, mwirinda abatuma muteshuka ku nshingano zanyu bagamije kurengera inyungu zabo bwite. Ntimuzazuyaze gufata ibyemezo bikwiye hakurikije icyaburanwe n'ibyo amategeko ateganya. *We are all called to uphold the truth without fear and favour.*

Nongeye kubashimira ku ndahiro mumaze gukora, nkaba mbifurije kuzarangiza neza inshingano zanyu kugira ngo dukomeze gutanga ubutabera buboneye, bityo dusigasire amahoro, umutekano n'imibanire myiza y'abaturarwanda n'iterambere by'Igihugu cyacu.

Mugire amahoro.